UMUCO

Journal d'Informations Générales

N° 45 | 12-27 Werurwe, 2008 | Ikiguzi: 400 Frw, 1000 Ush Euro 1

U Rwanda, igihugu kitagira ubutabera!

Urup. 11

Ivugururwa rya guverinoma

Urup. 13

Portrait Barack Obama

Urup. 15

Kagame mu mahurizo 3 y'ibihe bya nyuma

Reba urup. 4-12



Musoni Thaddee asebeje Ndamage Eliab

Hashize igihe hano mu mujyi wa Kigali havugwa inkuru igayitse y'umucuruzi Musoni Thaddee wahemukiye umuryango wa Ndamage Eliab, se umubyara, akikubira umutungo yamusigiye gucunga, kugeza n'aho afashe icyemezo kigayitse cyo kwambura nyina umubyara uburenganzira ku mutungo w'umugabo bashakanye. Yabikoze yiyibagije ko Nyirabizimana Ndamage Zilipa, nyina umubyara, afite uburenganzira buhwanye na 50% ku mutungo wose yahahanye n'umugabo we, Ndamage Eliabu, witabye Imana iyo mitungo ayimusigiye kandi barayishakanye. None umuhungu yibyariye, akaba atamuha n'iritoboye bitewe ahanini n'uko yamwubitseho urusyo, akamusinyisha inyandiko y'impimbano imwegurira uwo mutungo. Kandi mu by'ukuri uwo mukecuru arashaje cyane (afite imyaka hafi 80), ku buryo atari gutahura ayo manyanga ya Musoni Thaddee. Aha rero ni byo bituma abaziranye

Reba urup. 10

Kugenzura imikoreshereze y'imari ya Leta ntaho bitaniye no gutokora ifuku

Bigiye kuba akamenyero ko Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta ageza ku Nteko Ishinga Amategeko, imitwe yombi iteranye, raporo igaragaza ifoto y'ukutungo wa Leta y'umwaka uba urangiye. Ibi abikora yishingikirije Itegeko Nshinga, mu ngingo zaryo, iya 183 n'iya 184,

Muri iyi nyandiko turibanda kuri raporo y'uyu mwaka w'2006 nk'uko yagejejwe ku Nteko Ishinga Amategeko ku wa 3 Werurwe 2008. Raporo ya 2006 ariko ntaho itaniye n'izindi zayibanjirije, kuko amakosa akiri menshi kandi igitangaje, ibigo cyangwa imishinga bivugwa mu maraporo ni byo bikomeza kugaruka.

Reba urup.8

Iby'Abasipanyolo 9, RDF n'Inkotanyi bashinjwa kwica

Nyuma y'aho umucamanza w'Umwesipanyolo, Fernando Andreu, ashingiye ku kirego cyatanzwen'abomumiryangoyabo, ashyiriye ahagaragara icyegeranyo cy'ibyavuyemuipererezary'iyicwa ry'Abihayimana 9 b'Abasipanyolo baguye mu karere k'Ibiyaga Bigari, hagati ya 1994 na 2002, ashinja ko Inkotanyi n'ingabo za RDF 40 ari zo zabishe, yahise afata n'icyemezo cyo gukurikirana n'ubundi bwicanyi bwakorewe no muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Impapuro Fernando Andreu yasohoye arangije ipererereza, mu ijwi (Avocat wabaregaga) ryumvikaniye mu kiganiro cyahise kuri radiyo BBC, yemeje ko abagomba gufatwa bagafungwa nk'uko yabitegetse ari aba ofisiye 40 bo mu ngabo za RDF.

Izi mpapuro zo guta muri yombi aba basirikare bakuru b'u Rwanda zikaba zije zikurikira iz'umucamanza w'Umufaransa JeanLouisBruguière,nazozasabaga guta muri yombi abasirikare 9 na bo barimo n'umukuru w'igihugu, Paul Kagame.

Reba urup. 7

Iby'Abasipanyolo 9, RDF n'Inkotanyi bashinjwa kwica

Bishwe bari mu bikorwa by'ubutabazi n'ivugabutumwa. (Photo/ Archieve)

Mu gihe rero u Rwanda rwarimo ruhanganyen'ikibazocy'umucamanza w'Umufaransa, rugaragaza ko yakoreshejwe mu nyungu za politiki, bitewe ahanini n'uko u Rwanda rwemezaga ko Ubufaransa bwagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, Fernando Andreu yahise yongera ibibazo mu gihe n'ibindi byari bitari byacyemuka, kuko u Rwanda n'Ubufaransa byarimo biryaryana, mu gihe Jean Louis Bruguière we, ibyo yakoze yabikoze!

Kuva aho inkuru ibereye komomo, Minisitiri w'Ubutabera w'u Rwanda, Tharcisse Karugarama, agatangariza kuri radiyo zo mu Rwanda na BBC ko uriya mucamanza wo muri Espagne ari umusazi ndetse akanizeza Abanyarwanda ko ibyo yakoze nta gaciro bifite, cyane nko Umwesipanyolo wishwe, uwamwishe afunze, byatumye bamwe mu bakunzi b'ikinyamakuru UMUCO badusaba kubagezaho amazina y'Abasipanyolo bishwe.

Igihe bapfiriye n'aho bapfiriye

Nk'uko bigaragazwa n'amaperereza y'umucamanza Fernando Andreu, ku wa 26 Mata 1994, habayeho ishimutwa, irigiswa n'urupfu rw'agashinyaguro rwa Joaquim Vallmajo Sala, mu majyaruguru y'u Rwanda, ahahoze hitwa I Byumba.

Uyu mumisiyoneri (missionnaire d'Afrique) akaba yaravukiye i Navata (Gerone), ku wa 21 Gicurasi 1941. Yatangiye kuba misiyoneri mu Rwanda kuva ku wa 27/06/1965. Mu mirimo yakoze, harimo no kuba yarayoboye komite y'amajyambere guhera muri Gicurasi 1991, akaba yaritaga cyane mu gufasha abavanywe mu byabo n'intambara ya FPR Inkotanyi n'aba ex-FAR. Ku bamuzi, yarangwaga cyane no guharanira uburenganzira bwa muntu cyane cyane abaturage batagira kivurira. Joaquim yagaragaye cyane muri za raporo yagiye ageza kuri Kiliziya Gatolika n'imiryango mpuzamahanga iharanira uburenganzira bwa muntu (Amnesty International). Bivugwa ko ku wa 25/04/1994, yagiye kubonana n'ingabo za APR (Armée Patriotique Rwandais) ngo ashaka kurengera abaturage zari zafashe. Bukeye bw'aho nk'uko byemezwa n'iperereza ry'umuzamanza Fernando Andreu, ku wa 26/04/1994, saa munani n'iminota 40 z'amanywa, Joaquim yatwawe n'abasirikare ba APR. Kugeza n'ubu n'umurambo we nturaboneka. Iyicwa ry'abafurere marisiti (maristes) ari bo: Servando Mayor Garcia, Julio Rodriguez Jorge, Miguel Angel Isla Luciono na Fernando de la Fuente, bikaba byemezwa ko bose bakoraga ibikorwa by'ubutabazi mu nkambi z'impunzi muri Congo. Ubwo imiryango yose yakoraga bene ibyo bikorwa yabihagarikaga ahagana mu Kwakira 1996, kubera ibibazo by'umutekano mu ntambara yashojwe n'ingabo za APR, ubwo zafataga icyemezo cyo kujya gusenya inkambi z'interahamwe. Muri iyo ntambara kandi APR Inkotanyi zikaba zarafatanyije na AFDL (Alliance des Forces Démocratiques pour la Libération du Congo-Zaire). Aba bafurere b'Abamarisiti bo, uko ari 4 bagumanye n'impunzi zisaga ibihumbi 30 mu nkambi ya Nyamirangwe, bazifasha. Nk'uko bivugwa muri iryo perereza, ku itariki ya 30/10/1996, abo Bihayimana bafashe icyemezo cyo gutabariza izo mpunzi, kuko zari zugarijwe n'imirwano. Uko gutakamba kwabo baguhereye ku kiganiro bahaye radiyo yo muri Espagne COPE, basaba ko impunzi zatabarwa kuko zari zugarijwe n'imirwano. Umunsi ukurikiyeho, ku wa 31/10/1996, bose uko ari 4 bishwe urubozo, imirambo yabo ijugunywa mu rwobo rwa metero 12, kuri metero 50 z'aho babaga !

Imirambo yabo yaje gushyingurwa i Nyangezi nyuma mu cyubahiro. Abasirikare 40 ba RDF kandi bakurikiranywe n'umucamanza wa Espagne, arabarega kuba bamwe muri bo baragize uruhare mu iyicwa ry'abakozi b'umuryango w'Abaganga ku isi (Medecins du Monde-Espagne). Bakaba barishwe ku wa 18 Mutarama 1997, bicirwa mu cyahoze ari intara ya Ruhengeri mu majyaruguru y'u Rwanda.

Dore amazina y'abishwe n'umwirondor wabo :

Frors Sirera Fortuny, yavukiye i Tremp (Lleida), ku wa 25 Mata 1963. Yari ingaragu akaba yarabarizwaga i Manresa (Barcelone). Yari umuforomokazi wakoreraga umuryango wa Medecins du Monde Espagne;

Manuel Madrazo Osuna, yavukiye i Seville, ku wa 14 Nzeri 1954. Yari yaratandukanye n'uwo bashakanye. Yasize abana 2, na we akaba yarakoreraga Medecins du Monde Espagne;

Louis Valtuena Galleco, yavukiye i Madrid ku wa 07 Gashyantare 1966. Yishwe yari akiri ingaragu. Na we yakoreraga Medecins du Monde Espagne, ariko we akaba yarakoraga akazi ko gufata amafoto, akorera agence yitwa COVER na yo ikorana na Medecins du Monde Espagne. Nk'uko bisobanurwa, umuryango Medecins du Monde wohereje abo bantu uko ari 3 mu Rwanda mu gikorwa cyo kugoboka byihutirwa abaturage bo mu majyaruguru y'u Rwanda mu gihe hari Abanyarwanda batahukaga, bava mu nkambi mu cyahoze kitwa Zaire, ari yo RD Congo. Mu gihe bari mu kazi kabo biravugwa ko (iperereza) baje kwerekwa icyobo cyarunzwemo abantu benshi cyane, byavugwaga ko bishwe na APR. Icyaje gukurikiraho ni uko ngo nyuma y'iminsi 2 babibonye ni ukuvuga tariki ya 18 Mutarama 1997, mu ma saa 2 za nimugoroba abo basipagnolo bishwe na ho Umunyamerika babanaga we arakomereka. Undi mwesipanyolo, Juge Fernando Andreu asaba ko bariya basirikare bakuru 40 asabira gufatwa basobanura urupfu rwe, ni uwitwa Isidro Uzcudunpouso. Yari padiri muri diyosezi ya Donosti, akaba ari yo yamwohereje mu Rwanda. Yavukiye i Pasajes (Donosti) ku wa 24 Mutarama 1931. Yageze mu Rwanda 1964, akaba yari amaze imyaka 37 muri Komini ya Mugina mu cyahoze ari Intara ya Gitarama mu majyepfo y'u Rwanda. Yari azwiho gufasha cyane abakene atavanguye. Akenshi yabaga ahanganye n'abategetsi, abumvisha ko abatishoboye bagomba kwitabwaho.

Muri icyo gihe bivugwa ko (iperereza) yaje kugirana ibibazo n'abayobozi ba FPR cyane cyane guhera mu w'1995, yamagana ihohoterwa ry'abaturage n'ifungwa ridakurikije amategeko byakorerwaga abaturage mu karere yari atuyemo. Akaba yarishwe ku wa 10 Kamena 2000, ku gicamunsi, arashwe isasu mu kanwa!

Ngabo rero aba Esipanyolo 9 babaye intandaro y'iperereza ry'umucamanza Fernando Andreu, ashakisha abagize uruhare mu iyicwa ryabo. Ibyo akaba yarabikoze, ashingiye ku kirego yagejejweho n'abo mu miryango yabo, babifashijwemo n'ubunganira (avocat). Ingaruka rero ni uko uwo mucamanza yahise afata n'icyemezo cyo gukurikirana n'ibindi byaha by'ubwicanyi byose bikegekwa ku ngabo zahoze ari iza FPR, zaje kuba RDF. Ibyo byaha zishinjwa akaba yemeza ko ari ubwicanyi bwakorewe mu Rwanda no muri Congo. Aba basirikare bakuru bacu rero, ibi ni byo bituma bahatirwa kujya kwiregura mu gihugu cya Espagne. Naho ku birebana n'abantu baguye muri Congo, amakuru atangwa n'imiryango mpuzamahanga iharanira uburenganzira bwa muntu, yemeza ko hishwe abaturage bari hagati ya miliyoni 4 na 6. Nk'uko bitangazwa n'abanyamategeko, ngo abahamagajwe uko ari 40, uretse Paul Kagame, ufite ubudahangarwa kuko ari umukuru w'igihugu, ngo bose basabwe kwishyikiriza umucamanza nta yandi mananiza. Ubundi buryo bushoboka, uretse ko Leta y'u Rwanda itabushobora kuko abahamagajwe ari bo Leta, ni uko baburanishwa, bamaze gusaba uriya mucamanza amadosiye yabo.

Ngo ibyo rero bidashobotse, bitinde bitebuke, ngo bagomba kuzashyikirizwa gereza muri Espagne! Abanyamategeko kandi bemeza ko kuba ingingo ya 25 y'Itegeko Nshinga ry'u Rwanda itemera ko Umunyarwanda yoherezwa inkiko zo mu mahanga, babisobanura neza, bavuga ko u Rwanda nk'igihugu cyasinye amasezerano mpuzamahanga yo mu w'1948, ku birebana no kurwanya no guhana ibyaha bya Jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu, hamwe n'iby'intambara, ayo masezerano arusha uburemere ingingo ya 25 y'Itegeko Nshinga, kandi ni yo yubahirizwa mbere. Abanyarwanda kandi bakwiye gukomeza kwizera abayobozi bakuru b'ingabo zabo, kuko n'iyo bakwitaba ruriya rukiko, bagirwa abere, kuko ari abere! Igisigaye gusa no ukugira ubutwari, bakishyikiriza ubutabera nk'uko bahora babikangurira n'abandi baturarwanda, mu bihe bitandukanye.